City School District of ALBANY

Iperereza ry’inyigo irebana n’igihembwe cya kabiri

City School District of Albany (Ifasi y’Amashuri y’Umugi wa Albany) iri mu gikorwa cyo gukora iperereza mu miryango kugira ngo yemeze uburyo bw’inyigisho bahitamo nyuma y’igihe cya mbere cyagenwe cyo kohererereza umubyeyi amanota, kizarangira mu Gushyingo. 13. Ifasi y’amashuri izakomeza gutanga amasomo mu buryo bw’iyakure hamwe no mu buryo bw’imbonankubone ku banyeshuri mu gihembwe cya kabiri, kizarangira muri Gashyantare. 1.

Uburyo bw’imbonankubone n’uburyo bw’iyakure burahari ku banyeshuri bose mu myaka ibanziriza amashuri y’incuke kugeza mu mwaka wa 6, no mu mashuri yihagije ku bikoresho bikenewe yigamwo abanyeshuri bafite ubumuga bahabwa uburezi bwihariye K-12. Inyigisho itangwa mu buryo bw’iyakure ni bwo buryo bwonyine ku bandi banyeshuri bo mu myaka kuva mu wa 7-12 byibuze kugeza muri Gashyantare 1.

Dusobanukiwe ko ibintu bihinduka ko n’imiryango ikenera kongera gusuzuma amahitamo yakozwe mu mpeshyi. Ariko, nyamuneka umenye neza ko amahitamo arebana n’igihembwe cya kabiri agomba kuba make cyangwa hari ibikumiriwe hashingiwe ku bushobozi bwacu bitewe na porogaramu zirebana n’ubuvuzi no kwirinda COVID-19 hamwe no kwakira abakozi.

Ni ngombwa kumenya ko bitewe no guhana intera mu mashuri, umwanya uba muto. Hejuru y’ibyo, umubare w’abanyeshuri bacu biga mu buryo bwifashisha iyakure urimo urasatira ubushobozi bwacu. Ibi ni ukuri ku birebana no kubatwara ku ishuri no ku rwego rw’amashuri abanza; ubushobozi bwacu bwo kongera abagenda mu modoka ni buke kubera ibisabwa n’ikemezo gisaba gusiga intera.

Bitewe n’uku kugabanuka, hashingiwe mu byavuye muri iri perereza tuzakora uko dushoboye ku birebana n’abasaba kwakirwa kugira ngo duhindure uburyo bw’inyigisho cyangwa ku birebana n’amahitamo arebana no gutwarwa ku ishuri mu gihembwe cya kabiri.

Nyamuneka umenye neza kandi ko bitewe n’inama zigenderwaho zitangwa na Minisiteri y’Uburezi hamwe na Minisiteri y’Ubuvuzi muri Leta ya New York, imyanya yo kwicara mu ifasi y’amashuri idashobora kugenwa hakurikijwe ishuri woherejwemo na/cyangwa mwarimu. Niba ifasi y’amashuri ishobora kwakira icyo wahisemo ku birebana no kwiga mu buryo bw’imbonankubone cyangwa mu buryo bw’iyakure, aho ishuri rihererereye na/cyangwa umwarimu bishobora guhinduka. Amahitamo y’uburyo bw’imbonankubone cyangwa uburyo bw’iyakure bishobora kwakirwa hashingiwe ku mwanya n’ahantu bihari.

Turimo kandi turakora iperereza mu miryango ku byerekeranye n’ibikenerwa mu ikoranabuhanga imuhira. Ibi bizadufasha mu gutanga mudasobwa zo mu bwoko bwa Chromebooks mu gihe cy’umuhindo kuko tuzakira ibikoresho twahawe kugira ngo tugere kuri 1:1 mu buryo bwo gukoresha mudasobwa ku rwego rw’ifasi.

Hanyuma, turimo kandi turaha ababyeyi n’abarezi amahitamo kugira ngo buzuze amafishi atatu y’ingenzi – Amasezerano yo Gusohora amafoto n’ibitangazamakuru, Amasezerano y’Imikoreshereze Yemewe ya Mudasobwa na Murandasi hamwe n’ifishi y’Amakuru ari mu Bubiko bugengwa na FERPA.

Ni ngombwa gusubiza ibibazo by’iperereza ry’inyigo no kuzuza amafishi kugira ngo tubashe kubona amakuru nyakuri kurusha ayandi. Nyamuneka soma amakuru yose witonze. Numara gusubiza ibibazo by’iperereza ry’inyigo, nyamuneka ongera ubyohereze ku ishuri **bitarenze ku wa gatanu tariki 23 Ukwakira saa 5 p.m.**

A. Amakuru y’umunyeshuri

Nyamuneka andika ibisubizo byawe muri iki gice mu cyongereza niba bishoboka.

1. Amazina y’umunyeshuri:
2. Imeli y’umunyeshuri:
3. Nomero y’Ikarita Iranga Umunyeshuri:
4. Umwaka Yigamo:
5. Ishuri:

B. Amakuru y’aho abarizwa

Nyamuneka andika ibisubizo byawe muri iki gice mu cyongereza niba bishoboka.

1. Aderesi yawe y’ibanze:
2. Isano n’umunyeshuri:
3. Terefoni:
4. Imeli:
5. Aderesi:

C. Uburyo bwo kwiga wahisemo

Mu gihe hari umwanya ufunguye uhari mu gihe cya mbere cyagenwe cyo kohererereza umubyeyi amanota, nyamuneka hitamo wifuza bwo guhabwamo inyigisho mu gihe gikurikira cyagenwe cyo kohererereza umubyeyi amanota.

1. □ Mu ishuri
2. □ Iyakure

D. Gutwara Umunyeshuri ku ishuri

Nyamuneka garagaza ibyo ukeneye bijyanye no gutwara umunyeshuri ku ishuri.

1. □ Umunyeshuri wange yujuje ibisabwa kugira ngo atwarwe ku ishuri kandi AZAkenera gutwarwa ku ishuri
2. □ Umunyeshuri wange yujuje ibisabwa kugira ngo atwarwe ku ishuri ariko NTAZAkenera gutwarwa ku ishuri. Nzakoresha ubundi buryo busimbura ubusanzwe kuva no kujya ku ishuri
3. □ Umunyeshuri wange ntiyujuje ibisabwa kugira ngo atwarwe ku ishuri
4. □ NTIBIHURA: Hatitawe ko yujuje cyangwa atujuje ibisabwa, umwana wange ntazakenera gutwarwa ku ishuri kuko umwana wange aziyandikisha mu buryo bwo kwiga bwifashisha iyakure yonyine mu buryo bwuzuye byibura kugera ku musozo w’igihe cya mbere cyagenwe cyo kohererereza amanota ababyeyi (Gashyantare. 1)

E. Kubona ikoranabuhanga

Nyamuneka garagaza uburyo bw'ikoranabuhanga umwana wawe akoresha. Hitamo urugero umwana wawe agezeho magingo aya mu kubona igikoresho gitangwa n'ifasi y'amashuri (mudasobwa yo mu bwoko bwa Chromebook). Nyamuneka garagaza kandi uko bihagaze magingo aya mu kwinjira ku muyoboro mugari wa murandasi imuhira iwanyu

3. Kubona mudasobwa yo mu bwoko bwa Chromebook yatanzwe n'ifasi y'amashuri:

a. □ Wenyine/nta wundi winjira muri Chromebook

b. □ Nsangiye n'abandi bana/banyeshuri imuhira

c. □ Nta mudasobwa yo mu bwoko bwa Chromebook mfite

d. □ Mudasobwa yo mu bwoko bwa Chromebook yaratanzwe ariko ntikora

4. Kwinjira ku muyoboro mugari wa murandasi udahindagurika:

a. □ Umuyoboro mugari wa murandasi utangwa n'umucuruzi utanga serivisi za murandasi

b. □ Igikoresho gisakaza murandasi cyatanzwe n'Ifasi y'Amashuri

c. □ Murandasi yo kuri terefoni ngendanwa cyangwa y'ubundi buryo imara amasaha make

d. □ Nta murandasi yo ku muyoboro mugari mbasha kubona

F. Umukono w'umubyeyi/umurezi

4. Amazina mu cyapa:

5. Umukono:

6. Itariki

Ifishi ya City School District of Albany yo Gutangiraho Uruhushya rwo Kwemerera Gusohora Amafoto na Videwo mu Mwaka w'Amashuri wa 2020-21

Yavuguruwe mu Kwakira 2020

Imeli y'_____Umubyeyi/Umurezi_____

Amazina y'Umunyeshuri_____Umwaka Yigamwo_____Umwarimu_____

Muri City School District of Albany bashyira umuhate mwinshi mu guteza imbere ibikorwa biganisha heza, imidari n'akazi gakorwa n'abakozi n'abanyeshuri bacu. Inyandiko zitangazwa n'ifasi y' hamwe namashuri hamwe n'ibikoresho byifashishwa mu kwamamaza, urubuga rw'ifasi y'amashuri hamwe n'ibitangazamakuru bishobora kwifashishwa nk'ibikoresho muri bene icyo gikorwa cyo kwamamaza. Hashobora kuboneka akanya aho abanyeshuri bafatwa amafoto kandi bakagaragazwa hakurikijwe amazina yabo n'amashuri bigamo cyangwa ikigo k'ishuri. Ariko, dusobanukiwe ko ababyeyi bamwe na bamwe bashobora gusaba ko tutagaragaza abana babo. Nyamuneka umenye ko aya masezerano areba gusa amashusho n'amagambo yakoreshejwe ku mpamvu zo gushyikirana n'abandi bantu no mu bitangazamakuru. Aya masezerano ntareba uburyo bwo gutanga inyigisho bukoresha iyakure (urugero Google Classroom/Google Meet). Nyamuneka uzuza iyi fishi iri hasi utumenyeshe ibyifuzo byawe birebana no kwamamaza.

YEGo (Yes) ☐ Jyewe, (umubyeyi/umurezi cyangwa umunyeshuri)_____, muri iyi nyandiko nemereye ku bushake City School District of Albany gufata amafoto umuhungu /umukobwa wange cyangwa gewe ubwange (Niba ndi umunyeshuri nkaba mfite imyaka 18 cyangwa nyirengeje) kugira ngo akoreshwe mu nyandiko zose zitangazwa n'ifasi y'amashuri, harimo utunyamakuru duto two kuri murandasi, karendari, imishinga y'ibitangazamakuru, inyandiko zisobanura ibikorwa, imbuga z'ishuri cyangwa z'ifasi y'amashuri, cyangwa ikindi cyose gitangaza amakuru, kuri murandasi cyangwa mu bitangaza makuru.

OYA (No) ☐ gewe, (umubyeyi/umurezi cyangwa umunyeshuri)_____, muri iyi nyandiko **MBUJIJE** City School District of Albany gufata amafoto umuhungu /umukobwa wange cyangwa gewe ubwange (Niba ndi umunyeshuri nkaba mfite imyaka 18 cyangwa nyirengeje) kugira ngo akoreshwe mu nyandiko zose zitangazwa n'ifasi y'amashuri, harimo utunyamakuru duto two kuri murandasi, karendari, imishinga y'ibitangazamakuru, inyandiko zisobanura ibikorwa, imbuga z'ishuri cyangwa z'ifasi y'amashuri, cyangwa ikindi cyose gitangaza amakuru, kuri murandasi cyangwa mu bitangaza makuru.

_____ _____

Umukono w'umubyeyi/umurezi wemewe n'amategeko cyangwa umunyeshuri (ba arengeje imyakani 18) Itariki

Aderesi_____ Terefoni _____

***** NYAMUNEKA GARURA IYI FISHI KU ISHURI VUBA BISHOBOKA *****

Niba utatugaruriye iyi fishi, dufata ko **uda**shaka ko umwana wawe afatwa amafoto. Iyi fishi izabikwa muri dosiye ku ishuri ry'umwana wawe. Niba hari ikintu kibaye gituma uko bimeze ubu ku mwana wawe ubu bihinduka ku birebana n'igikorwa cyo kwamamaza, nyamuneka bimenyeshe mu nyandiko ishuri n'Ishami ry'Ifasi y'Amashuri Rishinzwe Itumanaho vuba bishoboka.

CITY SCHOOL DISTRICT of ALBANY
1 Academy Park • Albany, New York 12207
(518) 475-6175 • Fax: (518) 475-6199

BOARD of EDUCATION
Anne Savage, President • Vickie Smith, Vice President • Tabetha Wilson, Secretary
Damarise Mann • Sridar Chittur, Ph.D. • Ellen Krejci • Hassan I. Elminyawi

Amasezerano y'Imikoreshereze Yemewe ya Mudasobwa na Murandasi bya CSDA

Ibiro Bikuru Bishinzwe Uburezi kiyemeje kuboneza inyigisho n'imyigishirize y'umunyeshuri. Ifasi y'amashuri yumva ko gutuma umunyeshuri yinjira mu rusobemiyoboro rwa mudasobwa, harimo no kwinjira kuri murandasi, ari igikoresho gikomeye kandi gifite agaciro kifashishwa mu burezi no mu bushakashatsi, kandi imushishikariza gukoresha mudasobwa n'ikoranabuhanga rishingiye kuri mudasobwa mu mashuri yo mu ifasi agamije kwisumbura no gutera imbere mu nyigisho no mu myigishirize. Nyamuneka ishingikirize amategeko akurikira Ibiro Bikuru by'Uburezi bigenderaho arebana n'ikoreshwa rya mudasobwa na murandasi: 4526, 4526.1, na 5695.

Abanyeshuri bagomba gufata konti y'ishuri nk'icyumba k'ishuri kigikomeza, ko irebwa n'amategeko amwe y'icyubahiro no kwicisha bugufi n'ubundi biba byitezwe mu ishuri. Amategeko n'inzir bikorwamo biri mu gatabo Kagena Imyitwarire y'Umunyeshuri binareba n'uburyo bwo kwiga hifahishijwe iyakure kuri murandasi. Ababyeyi bashishikarizwa gushyigikira ibiganiro abarimu bacu bagirana n'abana babo, bakavuga imyitwarire n'umutekano bigomba kuranga abakoresha murandasi.

Ibikorwa bibujijwe ku birebana n'imikoreshereze ya murandasi ku banyeshuri n'abakozi bose bo mu ifasi y'amashuri:

1. Gukoresha murandasi ku mpamvu z'ubucuruzi, mu gushaka inyungu y'amafaranga, mu bucuruzi bwite, mu matangazo yamamaza ibicuruzwa, mu gushyigikira politike runaka, mu guhaha, cyangwa mu mikino y'amahirwe.
2. Guhonyora uburenganzira bw'umuhanzi ku gihangano ke cyangwa ubundi burenganzira ku mutungo w'ubwenge, harimo gukoporora inyandiko ukayiyitirira, kwinjiza, kohererezwa, kohereza, cyangwa gutuma abandi babona porogaramu ya mudasobwa iyo ari yo yose irinzwe n'uburenganzira bwa nyir'igihangano kuri murandasi ya mudasobwa z'ifasi y'amashuri.
3. Gukoresha murandasi kugira ngo wohererezwe, wohereze, cyangwa utume abandi babona amashusho y'urukozasoni, akomeretsa, cyangwa yerekeranye n'ubusambanyi.
4. Gukoresha murandasi kugira ngo wohererezwe, wohereze, cyangwa utume abandi babona ubutumwa burangwa n'ivangura ry'amoko, ubusambanyi, ibitutsi, ibiteye isoni cyangwa bubuza abandi amahwemo.
5. Gukoresha konti cyangwa ijambobanga by'undi muntu.
6. Kugerageza gusoma, gusiba, gukoporora cyangwa guhindura imeli, imikoro cyangwa akazi abandi bakoze no kwinjirira ubishaka ukiha ububasha bw'abandi kugira ngo wohereze kandi/cyangwa wohererezwe imeli, wige cyangwa ukore akazi.
7. Gukoresha murandasi kugira ngo wohereze ubutumwa butifuzwa cyangwa wohereze ubutumwa cyangwa inyandiko bitagira amazina y'ubyohereje.
8. Gushyira ahagaragara aderesi, nomero ya terefoni cyangwa andi makuru bwite y'undi muntu.
9. Kugerageza guca ku ruhande rw'akayunguruzo ka murandasi cyangwa rwa porogaramu zirinda mudasobwa.

IHONYORA RY'AMATEGEKO

Abantu bakoresha murandasi mu buryo butemewe bashobora gutakaza uburenganzira bari budasanzwe bari bahawe bwo kwinjira kuri murandasi kandi bagahabwa ibindi bihano hakurikijwe amategeko kandi bijyanye n'ibikubiye mu gitabo cy'amategeko y'imyitwarire n'amasezerano.

UBURENGANZIRA BUREBANA N'AMAKURU Y'IBANGA

Ahantu hose hari ububiko bw'inyandiko z'amakuru n'inyandiko zo kuri mudasobwa hazaguma mu Mutungo w'Ifasi y'Amashuri, hagenzurwa kandi hagasakwa n'Ifasi y'Amashuri. Abakoresha ubwo bubiko NTABWO bagomba kwitega ko amakuru abitse cyangwa binjiramo banyuze kuri murandasi y'Ifasi y'Amashuri azaba ari ibanga.

Amakuru abitse muri mudasobwa, harimo imeli, afatwa nk' "amakuru abitse" ashobora kwinjirwamwo n'abantu bose hakurikijwe ingingo zivugwa mu itegeko rigenga Amakuru n'Ubwisanzure ryo muri Leta ya New York.

Gewe,_____nsobanukiwe neza ko igikorwa nkorera ku rusobe rwa murandasi kizagenzurwa, kandi ko ngomba kukishingira hakurikijwe ibyanditswe muri aya masezerano.

Itariki: _____

CITY SCHOOL DISTRICT of ALBANY
1 Academy Park • Albany, New York 12207
(518) 475-6175 • Fax: (518) 475-6199

BOARD of EDUCATION
Anne Savage, President • Vickie Smith, Vice President • Tabetha Wilson, Secretary
Damarise Mann • Sridar Chittur, Ph.D. • Ellen Krejci • Hassan I. Elminyawi

Kwiyandukuza ku Rutonde rwa FERPA rw' Abemera ko Amakuru Yabo Atangazwa

Amategeko Agena Uburenganzira bw'Umuryango ku Birebana n'Uburezi n'Amakuru y'Ibanga (FERPA) bugenga itangwa ry'amakuru y'umunyeshuri abitswe n'amafasi y'amashuri, mu ruhame cyangwa ahabwa abandi bantu. Hakurikijwe ibyanditse muri FERPA, Amafasi y'Amashuri yemerewe gusohora amakuru by'umwihariko "amakuru ari ku rutonde mu bubiko" nta ruhushya rw'umubyeyi rusabwe.

Irengayobora ku rutonde rw'amakuru ari mu bubiko bugengwa na FERPA ryemerera amafasi y'amashuri kwamamaza ibyo abanyeshuri bagezeho n'ibikorwa byo ku ishuri n'inyandiko zitangazwa n'ifasi.

Muri izo ngero harimo izi zikurikira uretse ko atari izi gusa:

- Porogaramu z'Itangwa ry'Impamyabumenyi
- Ibitabo by'umwaka
- Kwerekana ikinamico/umuziki
- Intonde n'ibirori byo gutanga imidari/amashimwe
- Amabwiriza arebana n'imikino n'inyandiko zitangazwa

Ingero z'amakuru ari ku rutonde mu bubiko:

- Amazina y'umunyeshuri
- Aderesi
- Urutonde rwa nomero za terefoni
- Aderesi imeli
- Ifoto
- Itariki n'aho yavukiye
- Ishami yanononsoye
- Amatariki yitabiriye ishuri
- Umwaka yigamo
- Ubwitabire mu bikorwa byemewe no mu mikino
- Ibiro n'uburebure
- Impamyabumenyi, imidari, n'ibihembo yahawe
- Ikigo cyangwa ishuri rikuru kwigaho

Ibigomba kwitonderwa

- ***Iyi nyandiko irebana no kwiyandukuza ku rutonde igomba kuzuzwa buri mwaka.***
- ***Ikemezo cyanditse kigomba kugezwa mu biro by'umukuru w'ishuri kugira ngo gishyirwe mu bubiko bw'amakuru y'umunyeshuri ibirimo bizashyirwe mu nyandiko yihariye izatangazwa aho urutonde rw'amakuru ari mu bubiko rukoreshwa.***

Gewe,_____ndasaba ko City School District of Albany idatanga amakuru arebana n'uburezi y'umunyeshuri wange ari kurutonde rw'amakuru ari mu bubiko.

Umukono:_____ Itariki: _____